| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA Y'URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE N° 001 YO KU WA 08/03/2019 AGENGA IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE** | **REGULATIONS OF RWANDA GOVERNANCE BOARD N° 001 OF 08/03/2019 GOVERNING FAITH-BASED ORGANISATIONS** | **RÈGLEMENTS DE L'OFFICE RWANDAIS DE LA GOUVERNANCE N° 001 DU 08/03/2019 RÉGISSANT LES ORGANISATIONS FONDÉES SUR LA FOI** |
| **Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere;** | **The Chief Executive Officer of Rwanda Governance Board;** | **Le Directeur Général en Chef de l'Office Rwandais de la Gouvernance;** |
| Ashingiye ku Itegeko N° 72/2018 ryo ku wa 31/08/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'imiryango ishingiye ku myemerere cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 9, iya 17, iya 23, iya 25, iya 26, iya 30 n'iya 37; | Pursuant to Law N° 72/2018 of 31/08/2018 determining the organization and functioning of faith-based organizations, especially in Articles 3, 9, 17, 23, 25, 26, 30 and 37; | Vu la Loi N° 72/2018 du 31/08/2018 portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la foi spécialement en ses articles 3, 9, 17, 23, 25, 26, 30 et 37; |
| **ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:** | **ISSUES THE FOLLOWING REGULATIONS:** | **ÉDICTE LES RÈGLEMENTS SUIVANTS:** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije** | **Article One: Purpose of these Regulations** | **Article premier: Objet des présents règlements** |

| | | |
|---|---|---|
| Aya mabwiriza agena ibindi bisabwa mu mikorere y'imiryango ishingiye ku myemerere. | These Regulations determine additional requirements for the functioning of faith-based organizations. | Les présents règlements déterminent des conditions supplémentaires pour le fonctionnement des organisations fondées sur la foi. |
| **Ingingo ya 2: Ibikurikizwa mu isabwa ryo kugaba ishami** | **Article 2: Requirements for establishment of a branch** | **Article 2: Conditions pour l'établissement d'une branche** |
| Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya byifuza kugaba amashami ku rwego rw'Akarere bigomba kugeza ibaruwa ibisaba ku karere, bibinyujije ku Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere, bikagenera kopi y'ubwo busabe Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere bibinyujije ku rubuga rwarwo (info@rgb.rw). | An organization, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry that intends to establish a branch at District level must submit an application letter requesting to establish a branch to the District through the Joint Action Development Forum with a copy to the Rwanda Governance Board through its email (info@rgb.rw); | Une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un ministère qui ont l'intention d'établir une branche au niveau du District, doivent adresser leurs demandes au district le biais du Forum d'Action Conjointe pour le Développement (JADF) et envoyer une copie de la demande à l'Office Rwandais de la Gouvernance par email (info@rgb.rw). |
| Ubusabe buherekezwa n'inyandiko zikurikira: | The application is accompanied by the following documents: | Le dossier de demande est accompagné des documents suivant: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° kopi y'icyemezo cy'ubuzimagatozi;<br>2° kopi y'inyandikomvugo y'inama y'urwego rukuru rwemeje kugaba ishami iriho umukono wa noteri;<br>3° inyandiko igaragaza ko inyubako ishami rishaka gukoreramo yujuje ibiteganywa n'amabwiriza agenga imyubakire y'aho hantu. | 1° a copy of certificate of legal personality;<br>2° a notarized copy of minutes of the meeting of the supreme organ that approved the establishment of a branch;<br>3° a document certifying that the building where the branch intends to operate meets the requirements of the building code of the area of operation. | 1° une copie du certificat de personnalité juridique;<br>2° une copie notariée du procès-verbal de la réunion de l'organe suprême ayant approuvé l'établissement d'une branche;<br>3° un document indiquant que le bâtiment répond aux exigences requises pour les bâtiments de la zone d'opération. |
| Akarere gatanga igisubizo mu nyandiko ku busabe bwo kugaba ishami bw'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye igihe hakiriwe dosiye ibisaba, kakagenera kopi Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere. | The District must respond in writing to the request to establish a branch of an organization, umbrella, forum of umbrellas or ministry in a period not exceeding thirty (30) days from the date of reception of the application, with a copy to the Rwanda Governance Board. | Le District doit répondre par écrit à la demande de l'établissement d'une branche d'une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou d'un ministère dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date de réception de la demande, donnant copie à l'Office Rwandais de la Gouvernance. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo igisubizo gitanzwe n'akarere gihakanira Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya kugaba amashami ku rwego rw'Akarere, hasobanurwa impamvu zashingiweho mu kwanga. Iyo Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bitanyuzwe n'igisubizo cyatanzwe, bishobora kujuririra Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere bibinyujije ku rubuga rwarwo. | If the district denies the authorization to establish a branch to an organization, umbrella, forum of umbrellas or ministry, it should explain the reasons for denial. If an organization, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry is not satisfied with the decision, it may appeal to the Rwanda Governance Board through its website. | Si le District refuse d'octroyer à une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un ministère une autorisation d'établir une branche, il doit donner les raisons de ce refus. Si une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un ministère ne sont pas satisfaits de cette décision, ils peuvent faire appel à l'Office Rwandais de la Gouvernance par le biais de son site web (info@rgb.rw). |
| **Ingingo ya 3: Ibikurikizwa mu isabwa ry'imikoranire n'Akarere** | **Article 3: Requirements for the request of a collaboration letter to the district** | **Article 3: Conditions requises pour la demande de la lettre de collaboration** |
| Umuryango cyangwa minisiteriya bisaba ibaruwa y'imikoranire n'akarere babinyujije ku Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu | An organization or a ministry applies for the collaboration letter to the district through the Joint Action Development Forum with | Une organisation ou un ministère demande une lettre de collaboration au district par l'intermédiaire du Forum d'Action |

| | | |
|---|---|---|
| iterambere, bikagenera kopi y'ubwo busabe Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere bibinyujije ku rubuga rwarwo (info@rgb.rw).<br><br>Ubusabe buherekezwa n'inyandiko zikurikira:<br><br>1° kopi y'amategeko shingiro iriho umukono wa noteri;<br><br>2° kopi y'inyandiko ngufi isobanura amahame umuryango ugenderaho iriho umukono wa noteri;<br>3° inyandiko igaragaza ko inyubako ishami rishaka gukoreramo yujuje ibiteganywa n'amabwiriza agenga imyubakire y'aho hantu. | a copy to the Rwanda Governance Board through its website (info@rgb.rw).<br><br>The application is attached with the following documents:<br><br>1° a notarized copy of its statutes;<br><br>2° a brief notarized document explaining the doctrine of the organization or a ministry;<br>3° a document indicating if the building in which a branch intends to work from meets the requirements of the building code of the area of operation. | Conjointe pour le Développement et envoie une copie de la demande à l'Office Rwandais de la Gouvernance par le biais de son site Web (info@rgb.rw).<br><br>Le dossier de demande est accompagné par les documents suivants :<br>1° une copie des statuts notariés;<br><br>2° un document notarié résumant la doctrine de l'organisation;<br><br>3° un document indiquant que le bâtiment dans lequel une branche a l'intention d'œuvrer remplisse les normes régissant la construction dans le lieu d'intervention. |

UK

| | | |
|---|---|---|
| Akarere gatanga igisubizo mu nyandiko ku busabe bw'imikoranire mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye igihe hakiriwe dosiye ibisaba, kakagenera kopi Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere bibinyujije ku rubuga rwarwo.<br><br>Iyo igisubizo gitanzwe n'akarere gihakanira umuryango cyangwa minisiteriya imikoranire n'ako karere, hasobanurwa impamvu zashingiweho mu kwanga. Iyo umuryango cyangwa minisiteriya bitanyuzwe n'igisubizo cyatanzwe, bishobora kujuririra Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere bibinyujije ku rubuga rwarwo (info@rgb.rw).<br><br>**Ingingo ya 4: Ibikurikizwa mu isabwa ry'imikoranire n'Impuzamiryango** | The district responds in writing to the request of collaboration in a period not exceeding thirty (30) days from the date of receipt of application with a copy to the Rwanda Governance Board through its website.<br><br>If the district denies to an organization or ministry the collaboration, it should explain the reasons for denial. If an organization, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry are not satisfied with the answer, they may appeal to the Rwanda Governance Board through its website (info@rgb.rw) .<br><br>**Article 4: Requirements for the request of collaboration with an umbrella** | Le district doit répondre par écrit à la demande de collaboration dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date de réception de la demande, avec copie à l'Office Rwandais de la Gouvernance par le biais de son site web.<br><br>Si le district refuse d'octroyer un accord de collaboration à une organisation ou un ministère, il doit expliquer les raisons de ce refus. Si une organisation ou un ministère ne sont pas satisfaits de la réponse, ils peuvent faire appel à l'Office Rwandais de la Gouvernance par le biais de son site web (info@rgb.rw).<br><br>**Article 4: Conditions requises pour la demande de collaboration avec un collectif** |

VK

| | | |
|---|---|---|
| Umuryango usaba ibaruwa y'imikoranire n'Impuzamiryango wihitiyemo ukanagenera kopi y'ubwo busabe Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere bibinyujije ku rubuga rwarwo (info@rgb.rw).<br><br>Ubusabe buherekezwa n'inyandiko zikurikira:<br><br>1° kopi y'amategeko nshingiro biriho umukono wa noteri;<br><br>2° kopi y'inyandiko ngufi isobanura amahame umuryango ugenderaho iriho umukono wa noteri.<br><br>Impuzamiryango itanga igisubizo mu nyandiko ku busabe bw'imikoranire mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye igihe hakiriwe dosiye | An organization requests for a collaboration letter to an umbrella of its choice and gives a copy of that request to the Rwanda Governance Board through its website (info@rgb.rw).<br><br>The application is accompanied by the following documents:<br><br>1° a notarized copy of its statutes;<br><br>2° a brief notarized document explaining the doctrine of the organization;<br><br>An umbrella should respond in writing on the request of collaboration in a period not exceeding thirty (30) days from the date of receipt of application | Une organisation demande une lettre de collaboration à un collectif de son choix et en donne copie de cette demande à l'Office Rwandais de la Gouvernance par le biais de son site web (info@rgb.rw).<br><br>Le demande est accompagnée par les documents suivants :<br><br>1° une copie des statuts notariés;<br><br>2° un document notarié résumant la doctrine de l'organisation;<br><br>Le collectif doit répondre par écrit à la demande de collaboration dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date de réception de la demande, |

| | | |
|---|---|---|
| ibisaba, ikagenera kopi Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere bibinyujije ku rubuga rwarwo. | with a copy to the Rwanda Governance Board through its website. | avec copie à l'Office Rwandais de la Gouvernance par le biais de son site web. |
| Iyo igisubizo gitanzwe n'Impuzamiryango gihakanira umuryango imikoranire nayo, hasobanurwa impamvu zashingiweho mu kwanga. Iyo umuryango utanyuzwe n'igisubizo cyatanzwe, ushobora kujuririra Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere ubinyujije ku rubuga rwarwo. | If the umbrella denies collaboration with an organization the collaboration, it should explain the reasons for denial. If an organization is not satisfied with the response, it may appeal to the Rwanda Governance Board through its website. | Si le collectif refuse d'octroyer un accord de collaboration à une organisation, il doit expliquer les raisons de ce refus. Si une organisation n'est pas satisfait de la réponse, il peut faire appel à l'Office Rwandais de la Gouvernance par le biais de son site web. |
| **Ingingo ya 5: Uburyo amategeko n'izindi nyandiko z'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya bitangazwa** | **Article 5: Modalities for publication of regulations and other documents of an organization, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry** | **Article 5: Modalités de publication des règlements et autres documents d'une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un ministère** |
| Umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango | An organization, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry | Une organisation, un collectif, un forum des collectifs ou un |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa minisiteriya bigomba gutangaza inyandiko zabyo ziriho umukono wa noteri ku rubuga rwabyo. | is required to publish its notarized documents on its websites. | ministère sont tenu de publier leurs documents notariés sur leur site web. |
| Inyandiko zigomba gutangazwa ni izi zikurikira:<br>1° amategeko shingiro n'impinduka zose ziyakozweho;<br>2° amazina y'abavugizi n'impinduka zose zikozwe kuri bo; | The documents that must be published are the following:<br>1° Its statutes and all changes made thereto;<br>2° names of its legal representatives and any changes of legal representatives. | Les documents qui doivent être publiés sont les suivants :<br>1° les statuts et tous les changements qui y ont été apportés;<br>2° les noms des représentants légaux et tous les changements y relatifs; |
| **Ingingo ya 6: Umuryango ushingiye ku myemerere ukorana n'imiryango** | **Article 6: Interdenominational faith based organisation** | **Article 6: organisation interconfessionnelle fondée sur la foi** |
| Umuryango ushingiye ku myemerere ukorana n'imiryango (amatorero) ushobora gusaba kwandikwa n'icyemezo cy'ubuzimagatozi nk'umuryango ushingiye ku myemerere cyangwa | An interdenominational faith-based organisation may apply for registration and for a certificate of legal personality as a faith based organisation or a ministry. In case | Une organisation interconfessionnelle fondée sur la foi peut faire la demande d'enregistrement et de la personnalité juridique en tant |

Uk

| | | |
|---|---|---|
| minisiteriya. Mu gihe ubisabye nka minisiteriya, ntabwo usabwa kuba ukomoka ku muryango ushingiye ku myemerere. | it applies as a ministry, it is not required to be affiliated to a faith-based organisation. | qu'organisation fondée sur la foi ou ministère. Lorsqu'elle fait la demande en tant que ministère, elle n'est pas requise d'être affiliée à une organisation fondée sur la foi. |
| Umuryango ushingiye ku myemerere ukorana n'imiryango (amatorero atandukanye) ufite ubuzima gatozi nk'umuryango ushingiye ku idini uhuza imikorere n'amategeko byayo n' itegeko N°72/2018 ryo ku wa 31/08/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku myemerere, nka minisiteriya, ntabwo usabwa kuba ukomoka ku muryango ushingiye ku myemerere. | An interdenominational faith based organization with legal personality as a religious-based organization that harmonizes its functioning and statutes with the law N°72/2018 of31/08/2018 determining the organisation and functioning of faith-based organisations, as a ministry, is not required to be affiliated to a faith-based organisation. | Une organisation interconfessionnelle fondée sur la religion dotée de la personnalité juridique en tant qu'organisation basée sur la religion qui harmonise son fonctionnement et ses statuts avec la Loi N°72/2018 du31/08/2018 portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la foi, en tant que ministère, n'est pas requise d'être affiliée à une organisation fondée sur la foi. |
| **Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo kwishyira hamwe kw'imiryango ishingiye ku myemerere ikorana n'imiryango (amatorero atandukanye)** | **Article 7: Right of association for interdenominational faith based organisations**<br><br>Interdenominational faith based | **Article 7: Droit d'association des organisations interconfessionnelle fondée sur la foi** |

| | | |
|---|---|---|
| Imiryango ifite uburenganzira bwo kwishyira hamwe igakora impuzamiryango.<br>Impuzamiryango igira ubuzima gatozi kandi igakora mu buryo bukurikije ibiteganywa n' itegeko N°72/2018 ryo ku wa 31/08/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku myemerere. | organization Organisations have the right of association to form an umbrella. An umbrella has a legal personality and operates in accordance with N°72/2018 of31/08/2018 determining the organisation and functioning of faith-based organisations. | Organisation interconfessionnelle fondée sur la foi ont le droit de s'associer pour constituer un collectif. Un collectif est doté de personnalité juridique et fonctionne conformément à la Loi N°72/2018 du31/08/2018 portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la foi. |
| **Ingingo ya 8: Ibindi bisabwa mu gusaba ubuzimagatozi bw'umuryango**<br><br>Ibindi bisabwa umuryango usaba ubuzimagatozi ni ugutanga kopi y'amasezerano y'ubukode bw'inzu afite agaciro ariho umukono wa noteri, ku muryango udafite inzu yawo bwite yo gukoreramo cyangwa icyemezo cya nyiri inzu kiwemerere kuyikoreramo kiriho umukono wa noteri. | **Article 8: Additional requirement for application for legal personality of an organization**<br>Additional requirement for an organization applying for a legal personality is; a notarized valid copy of house rent contract for an organization which does not have its own building or a notarized document from the owner of the building authorizing the organization to use his/her building. | **Article 8: Condition supplémentaire pour la demande de la personnalité juridique d'une organisation**<br>La condition supplémentaire pour une organisation de demander une personnalité juridique est une copie notariée du contrat de location d'une maison pour une organisation qui n'a pas son propre bâtiment ou un document notarié indiquant l'accord du propriétaire d'occuper sa maison. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 9: Guhagarika by'agateganyo abayobozi**<br><br>Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rushobora guhagarika by'agateganyo umwe cyangwa benshi mu bayobozi b'umuryango, impuzamiryango, ihuriro ry'impuzamiryango cyangwa minisiteriya igihe kitarenze amezi atandatu (6) hashingiwe ku buremere bw'ikosa ryakozwe. | **Article 9: Suspension of Leaders**<br><br>Rwanda Governance Board may suspend one or more Leaders of an organization, an umbrella, a forum of umbrellas or a ministry for a period not exceeding six (6) months based on the gravity of the fault committed. | **Article 9: Suspension des dirigeants**<br><br>L'Office Rwandais de Gouvernance peut suspendre un ou plusieurs dirigeants d'une organisation, d'un collectif, d'un forum de collectifs ou d'un ministère pour une période ne dépassant pas six (6) mois en fonction de la gravité de la faute commise. |
| **Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**<br><br>Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho. | **Article 10: Repealing provision**<br><br>All prior provisions contrary to these Regulations are repealed. | **Article 10: Disposition abrogatoire**<br><br>Toutes les dispositions antérieures contraires aux présents règlements sont abrogées. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa** | **Article 11: Commencement** | **Article 10: Entrée en vigueur** |
| Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yashyiriweho umukono. | These Regulations come into force on the date of their signature. | Les présents règlements entrent en vigueur le jour de leur signature. |
| Kigali, ku wa 08/03/2019 | Kigali, on 08/03/2019 | Kigali, le 08/03/2019 |
| **Dr. KAITESI Usta**<br>**Umukuru w'Urwego w'Agateganyo** | **Dr. KAITESI Usta**<br>**Acting Chief Executive Officer** | **Dr. KAITESI Usta**<br>**Directrice Générale en Chef par Intérim** |